*Repubulika y'u Rwanda*
*Umujyi wa Kigali*
*Akarere ka Nyarugenge*

# ITANGAZO

## ABARIMU BIFUZA GUHINDURA AHO BAKORERA

Akarere ka Nyarugenge karamenyesha Abarimu bose bifuza guhindura aho bakoreraga (**internal & external Teacher transfers**), ko itariki yo kwakira dosiye zabo ari kuwa **07/09/2021-14/09/2021** ku biro by'Akarere ka Nyarugenge. Hakirwa "**hard copies**" gusa. Ibyangombwa bisabwa ni ibi bikurikira:

**Abarimu bifuza kwimukira mu Karere ka Nyarugenge bavuye mu tundi Turere:**

- Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyarugenge;
- Icyemezo kigaragaza ko yagize amanota y'isuzumabushozi guhera kuri 70% kuzamura mu mwaka wa nyuma aheruka gukorerwa isuzumabushobozi;
- Icyemezo kigaragaza ko afite imyitwarire myiza gitangwa n'Umurenge, hamaze kugishwa inama Ubuyobozi bw'Ikigo cy'ishuri umwarimu yigishamo;
- Icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'ishuri yigishamo kigaragaza ko aho yigishaga nta cyuho kizahasigara mu gihe yaba yimuwe;
- Fotokopi y'indangamuntu;
- Fotokopi y'ibaruwa y'akazi ya burundu;
- Fotokopi y'impamyabumenyi igaragaza ko yize uburezi.

**Abarimu basanzwe bakorera mu Karere ka Nyarugenge bifuza kwimukira ku bindi bigo byo mu Karere ka Nyarugenge:**

- Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere igaragaza impamvu yumvikana ituma yifuza kwimuka, ikigo/ibigo yifuza kwimukiraho n'umurenge biherereyemo;
- Fotokopi y'Ibaruwa y'akazi ya burundu

**Bikorewe i Nyarugenge, ku wa 06/09/2021**

AKARERE KA NYARUGENGE

**NGABONZIZA Emmy**
**Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyarugenge**

Scanné avec CamScanner